REPUBULIKA Y'U RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KW'UKWAKIRA 2025

**10 Ugushyingo 2025**

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KW'UKWAKIRA 2025

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kw'Ukwakira 2025. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### A. Ibiciro mu mijyi

Mu kwezi kw'Ukwakira 2025, ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 7,1% ugereranyije n'Ukwakira 2024. Ibiciro mu kwezi kwa Nzeri 2025 byari byiyongereyeho 7,3%.

Mu kwezi kw'Ukwakira 2025, ibiciro byiyongereye bitewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 1,6%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 16%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 7,5%, ibiciro by'ibijyanye n'ubuvuzi byiyongereyeho 71,3%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 8,5% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 19,1%.

Ugereranyije Ukwakira 2025 n'Ukwakira 2024, ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byiyongereyeho 9%.

Ugereranyije Ukwakira 2025 na Nzeri 2025, ibiciro byiyongereyeho 1,3%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 1,1% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 4,1%.

### B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi kw'Ukwakira 2025, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 3,8% ugereranyije n'Ukwakira 2024. Ibiciro mu kwezi kwa Nzeri 2025 byari byiyongereyeho 5,5%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kw'Ukwakira 2025 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 0,8%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 14,6%, ibiciro by'ibijyanye n'ubuvuzi byiyongereyeho 55% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 17%.

Ugereranyije Ukwakira 2025 na Nzeri 2025, ibiciro byiyongereyeho 0,8%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 0,5%.

### C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi kw’Ukwakira 2025, ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 5,1% ugereranyije n’Ukwakira 2024. Mu kwezi kwa Nzeri 2025 ibiciro byari byiyongereyeho 6,2%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kw’Ukwakira 2025 ni ibiciro by’ibiribwa n’ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 1%, ibiciro by’ibinyobwa bisembuye n’itabi byiyongereyeho 15%, ibiciro by’amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n’ibindi bicanwa byiyongereyeho 4,8%, ibiciro by’ibijyanye n’ubuvuzi byiyongereyeho 62,7%, ibiciro by’ibijyanye n’ubwikorezi byiyongereyeho 6,9% n’ibiciro by’amafunguro n’icumbi byiyongereyeho 18,1%.

Ugereranyije Ukwakira 2025 na Nzeri 2025, ibiciro byiyongereyeho 1%. Iri zamuka ryatewe ahanini n’ibiciro by’ibiribwa n’ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 0,7% n’ibiciro by’amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n’ibindi bicanwa byiyongereyeho 2,8%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y’ihindagurika ry’ibiciro mu Rwanda kuva m’Ukwakira 2024 kugeza m’Ukwakira 2025.**

| Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize ndetse n'ukwezi kwakubanjirije | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | 2024 | | | 2025 | | | | | | | | | |
| | 10 | 11 | 12 | 01 | 02 | 03 | 04 | 05 | 06 | 07 | 08 | 09 | 10 |
| **Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku mwaka** | | | | | | | | | | | | | |
| Mu mijyi | 3,8 | 5,0 | 6,8 | 7,4 | 6,3 | 6,5 | 6,3 | 6,9 | 7,0 | 7,3 | 7,1 | 7,3 | 7,1 |
| Mu byaro | -1,5 | 2,4 | 6,2 | 4,5 | 2,2 | 3,9 | 6,9 | 8,2 | 9,2 | 7,0 | 5,9 | 5,5 | 3,8 |
| Mu Rwanda | 0,5 | 3,4 | 6,4 | 5,7 | 3,8 | 4,9 | 6,6 | 7,7 | 8,3 | 7,2 | 6,4 | 6,2 | 5,1 |
| **Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku kwezi** | | | | | | | | | | | | | |
| Mu mijyi | 1,5 | 0,1 | -0,8 | 0,5 | 0,7 | 1,3 | 1,2 | 0,6 | -0,2 | 0,1 | 0,7 | 1,4 | 1,3 |
| Mu byaro | 2,5 | 1,4 | -2,1 | -2,9 | 1,0 | 2,2 | 3,0 | -0,4 | 0,1 | -1,1 | 0,7 | 1,2 | 0,8 |
| Mu Rwanda | 2,1 | 0,9 | -1,6 | -1,6 | 0,9 | 1,9 | 2,3 | 0,0 | 0,0 | -0,6 | 0,7 | 1,3 | 1,0 |
| *Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda* | | | | | | | | | | | | | |

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103  Hot line: 4321

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Email: info@statistics.gov.rw